**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**
**Urwego rw'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga**

# IRMCT mu magambo avunaguye

Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye yashyizeho "Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha" (IRMCT) rufite inshingano zo gukomeza imirimo y'ingenzi y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) n'iy'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya (ICTY).

## IMIRIMO YA IRMCT

### Gushakisha no kuburanisha abaregwa batarafatwa

Abantu batatu batarafatwa barezwe na ICTR, bazaburanishwa n'ubutabera bw'u Rwanda.

### Iburanisha ry'imanza

IRMCT ishobora kuburanisha bundi bushya imanza zarangiye; iz'ubujurire bukomoka ku manza zaburanishijwe na ICTR, ICTY na IRMCT; imanza zijyanye gusuzugura Urukiko no gutanga ubuhamya bw'ibinyoma ndetse no gusubirishamo imanza.

### Kugenzura imanza zimuriwe mu bihugu

IRMCT igenzura imanza ebyiri ICTR yimuriye mu nkiko z'ibihugu.

### Kurinda umutekano w'abakorewe ibyaha n'uw'abatangabuhamya

Inshingano zo kurinda umutekano w'ibihumbi by'abakorewe ibyaha n'iby'abatangabuhamya mu manza ziburanishwa na ICTR, ICTY, na IRMCT.

### Irangiza ry'ibihano byatanzwe na ICTR, ICTY cyangwa IRMCT

Kugenzura irangiza ry'ibihano byatanzwe na ICTR, ICTY cyangwa IRMCT.

### Gutera inkunga inkiko z'ibihugu

Kwita ku byifuzo bisaba inkunga biturutse mu nkiko z'ibihugu, birimo u Rwanda, ibihugu byo mu cyahoze ari Yugosilaviya n'ibindi bihugu.

### Kubika no gucunga inyandiko zishyinguye

Inshingano zo kubika no gucunga inyandiko n'ibindi bihamya bishyinguwe na ICTR, ICTY na IRMCT, harimo kubibungabunga no gufasha ababikeneye kubigeraho.

## INGENGABIHE

**1993**
Ishyirwaho rya **ICTY**

**1994**
Ishyirwaho rya **ICTR**

**2010**
**Ishyirwaho rya IRMCT**

1 Nyakanga **2012**
Itangizwa ry'Ishami rya IRMCT – **Arusha**

1 Nyakanga **2013**
Itangizwa ry'Ishami rya IRMCT – **Lahe**

31 Ukuboza **2015**
**ICTR** yafunze imiryango

31 Ukuboza **2017**
**ICTY** yafunze imiryango

Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi isuzuma uko imirimo ya IRMCT igenda buri myaka ibiri

**www.irmct.org**

Iyi nyandiko ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT - © UN- IRMCT / Agashami gashinzwe itumanaho – Gicurasi 2023.